Umwe muri mwe ntazapfe, atizera Allah nkuko bikwiye

Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Umwe muri mwe ntazapfe, atizera Allah nkuko bikwiye."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irashishikariza umuyisilamu guharanira kuzapfa afite ukwizera kwiza akajya abanza kwizera no kwiringira Allah nk'igihe yegereje gupfa akizera ko Allah azamugirira impuhwe akamubabarira, kubera ko gutinya biba bicyenewe mu rwego rwo kunoza ibikorwa, kandi ibi ntabwo ari mu gihe cy'ibikorwa, igikenewe ni ukwizera kurushaho.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3779